



Umwaka wa 63  
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe  
yo ku wa 21/02/2024

Year 63  
Official Gazette n° Special of  
21/02/2024

63<sup>ème</sup> Année  
Journal Officiel n° Spécial du  
21/02/2024

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

**Itegeko/Law/Loi**

Itegeko n° 025/2024 ryo ku wa 16/02/2024 rigenga ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima..2	
Law n° 025/2024 of 16/02/2024 governing biosafety.....2	
Loi n° 025/2024 du 16/02/2024 régissant la prévention des risques biotechnologiques.....2	

<p><b>ITEGEKO N° 025/2024 RYO KU WA 16/02/2024 RIGENGA UBUSUGIRE BW'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA</b></p>	<p><b>LAW N° 025/2024 OF 16/02/2024 GOVERNING BIOSAFETY</b></p>	<p><b>LOI N° 025/2024 DU 16/02/2024 RÉGISSANT LA PRÉVENTION DES RISQUES BIOTECHNOLOGIQUES</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p>	<p><b><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Interpretation</u></b></p>	<p><b><u>Article 2 : Interprétation</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Scope of application</u></b></p>	<p><b><u>Article 3 : Champ d'application</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: IBIJYANYE N'INZEGO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: INSTITUTIONAL ARRANGEMENTS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II : DISPOSITIONS INSTITUTIONNELLES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Competent National Authority</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Autorité compétente nationale</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Umwanditsi w'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Registrar of biosafety</u></b></p>	<p><b><u>Article 5 : Registraire de la prévention des risques biotechnologiques</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: National Biosafety Committee</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Comité national de prévention des risques biotechnologiques</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: GUSABA URUHUSHYA, GUFATA IBYEMEZO N'ISUZUMANGARUKA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: APPLICATION FOR PERMIT, DECISION - MAKING AND RISK ASSESSEMENT</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III : DEMANDE DE PERMIS, PRISE DE DÉCISION ET ÉVALUATION DES RISQUES</u></b></p>

<p><b><u>Iciviro cya mbere:</u> Gusaba uruhushya n'ibikorwa bisabirwa uruhushya</b></p>	<p><b><u>Section One:</u> Application for permit and activities subject to permit application</b></p>	<p><b><u>Section première :</u> Demande de permis et activités soumises à la demande de permis</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Ibikorwa bisabirwa uruhushya</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Activities subject to permit application</b></p>	<p><b><u>Article 7 :</u> Activités soumises à la demande de permis</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Gusaba uruhushya</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Application for permit</b></p>	<p><b><u>Article 8 :</u> Demande de permis</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Ibanga ku makuru yerekeye ubusabe</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Confidentiality of information relating to application</b></p>	<p><b><u>Article 9 :</u> Confidentialité des informations relatives à la demande</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Imikoreshereze y'amakuru y'ibanga</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Use of confidential information</b></p>	<p><b><u>Article 10 :</u> Utilisation des informations confidentielles</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Gukuraho ukwemererwa kw'ibanga ry'amakuru</b></p>	<p><b><u>Article 11:</u> Cancellation of approval of the information confidentiality</b></p>	<p><b><u>Article 11 :</u> Annulation de l'approbation de la confidentialité des informations</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Inyandiko igaragaza ko ubusabe bwakiriwe</b></p>	<p><b><u>Article 12:</u> Acknowledgement of receipt of application</b></p>	<p><b><u>Article 12 :</u> Accusé de réception de la demande</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Kureka ubusabe</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Withdrawal of application</b></p>	<p><b><u>Article 13 :</u> Retrait de la demande</b></p>
<p><b><u>Iciviro cya 2:</u> Isuzuma n'imicungire by'ingaruka</b></p>	<p><b><u>Section 2:</u> Assessment and management of risks</b></p>	<p><b><u>Section 2 :</u> Évaluation et gestion des risques</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Isuzuma ry'ingaruka zaturuka ku kinyabuzima cyahinduwe</b></p>	<p><b><u>Article 14:</u> Assessment of risks relating to a living modified organism</b></p>	<p><b><u>Article 14 :</u> Évaluation des risques liés à un organisme vivant modifié</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Imicungire y'ingaruka zaturuka ku kinyabuzima cyahinduwe</b></p>	<p><b><u>Article 15:</u> Management of risks relating to a living modified organism</b></p>	<p><b><u>Article 15 :</u> Gestion des risques liés à un organisme vivant modifié</b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Isuzuma rya raporo ku isuzumangaruka ry'ikinyabuzima cyahinduwe</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Living modified organism risk assessment report review</p>	<p><b><u>Article 16</u></b> : Examen du rapport d'évaluation des risques d'un organisme vivant modifié</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Gusonera ikinyabuzima cyahinduwe</p>	<p><b><u>Article 17:</u></b> Exemption of a living modified organism</p>	<p><b><u>Article 17</u></b> : Exemption d'un organisme vivant modifié</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 3:</u></b> Ifatwa ry'icyemezo</p>	<p><b><u>Section 3:</u></b> Decision - making</p>	<p><b><u>Section 3</u></b> : Prise de décisions</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Ifatwa ry'icyemezo ku busabe</p>	<p><b><u>Article 18:</u></b> Decision - making on an application</p>	<p><b><u>Article 18</u></b> : Prise de décisions sur une demande</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Kumenyekanisha icyemezo</p>	<p><b><u>Article 19:</u></b> Communication of decision</p>	<p><b><u>Article 19</u></b> : Communication de la décision</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 4:</u></b> Gusubira ku cyemezo no gutakamba</p>	<p><b><u>Section 4:</u></b> Review of a decision and appeal</p>	<p><b><u>Section 4</u></b> : Révision d'une décision et recours</p>
<p><b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Gusubira ku cyemezo</p>	<p><b><u>Article 20:</u></b> Review of a decision</p>	<p><b><u>Article 20</u></b> : Révision d'une décision</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Kwambura uruhushya no guhagarika igikorwa cyatangiwe uruhushya</p>	<p><b><u>Article 21:</u></b> Cessation orders</p>	<p><b><u>Article 21</u></b> : Ordres de cessation</p>
<p><b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Gutakamba ku cyemezo cy'Urwego</p>	<p><b><u>Article 22:</u></b> Appeal against decision of the Authority</p>	<p><b><u>Article 22</u></b> : Recours contre la décision de l'Autorité</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: IKURIKIRANA, UBUFATANYE N'IHANAHANAMAKURU</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: MONITORING, COOPERATION AND INFORMATION SHARING</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV : SUIVI, COLLABORATION ET PARTAGE DES INFORMATIONS</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Ikurikirana</p>	<p><b><u>Article 23:</u></b> Monitoring</p>	<p><b><u>Article 23</u></b> : Suivi</p>

<p><b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Inshingano y’ubufatanye mu gutanga amakuru ku iyinjizwa mu bidukikije ry’ikinyabuzima cyahinduwe</p>	<p><b><u>Article 24:</u></b> Obligation to cooperate in providing information on introduction of a living modified organism into the environment</p>	<p><b><u>Article 24 :</u></b> Obligation de collaborer pour fournir les informations sur l’introduction d’un organisme vivant modifié dans l’environnement</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Kumenyesha iyambukiranyamupaka ritagambiriwe ry’ikinyabuzima cyahinduwe</p>	<p><b><u>Article 25:</u></b> Notification of unintentional transboundary movement of a living modified organism</p>	<p><b><u>Article 25 :</u></b> Notification de mouvement transfrontalier non intentionnel d’un organisme vivant modifié</p>
<p><b><u>UMUTWE WA V: AMAKOSA YO MU RWEGO RW’UBUTEGETSI, IBYAHA N’IBIHANO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER V: ADMINISTRATIVE FAULTS, OFFENCES, SANCTIONS AND PENALTIES</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE V : FAUTES ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS, SANCTIONS ET PEINES</u></b></p>
<p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u></b> Amakosa yo mu rwego rw’ubutegetsi n’ibihano</p>	<p><b><u>Section one:</u></b> Administrative faults and sanctions</p>	<p><b><u>Section première :</u></b> Fautes administratives et sanctions</p>
<p><b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Gukora igerageza ku kinyabuzima cyahinduwe nta ruhushya</p>	<p><b><u>Article 26:</u></b> Trial of a living modified organism without permit</p>	<p><b><u>Article 26 :</u></b> Essai d’un organisme vivant modifié sans permis</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Kutubahiriza ibikubiye mu ruhushya</p>	<p><b><u>Article 27:</u></b> Breach of terms of a permit</p>	<p><b><u>Article 27 :</u></b> Violation des termes d’un permis</p>
<p><b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Kubangamira igenzura</p>	<p><b><u>Article 28:</u></b> Obstructing inspection</p>	<p><b><u>Article 28 :</u></b> Obstruction à une inspection</p>
<p><b><u>Ingingo 29:</u></b> Amakosa n’ibihano ku rwego rufite ubuzima gatozi</p>	<p><b><u>Article 29:</u></b> Faults and sanctions for a legal person</p>	<p><b><u>Article 29 :</u></b> Fautes et sanctions d’une personne morale</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Ibyaha n’ibihano</p>	<p><b><u>Section 2:</u></b> Offences and penalties</p>	<p><b><u>Section 2 :</u></b> Infractions et peines</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Kudashyira cyangwa gukoresha nabi uturango</p>	<p><b><u>Article 30:</u></b> Failure to label or misuse of label</p>	<p><b><u>Article 30 :</u></b> Omission d’étiqueter ou utilisation abusive de l’étiquette</p>

<p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Kohereza mu bidukikije, gushyira ku isoko cyangwa gutwara ikinyabuzima cyahinduwe utabifitiye uruhushya</b></p>	<p><b><u>Article 31:</u> Release into the environment, placing on the market or transport of a living modified organism without permit</b></p>	<p><b><u>Article 31</u> : Libération dans l'environnement, mise sur le marché ou transport d'un organisme vivant modifié sans permis</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 32:</u> Gukoresha ikinyabuzima cyahinduwe kigatera ingaruka</b></p>	<p><b><u>Article 32:</u> Using a living modified organism in a way that causes harm</b></p>	<p><b><u>Article 32</u> : Utilisation d'un organisme vivant modifié d'une manière qui entraîne un préjudice</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 33:</u> Ibyaha n'ibihano ku rwego rufite ubuzima gatozi</b></p>	<p><b><u>Article 33:</u> Offences and penalties for a legal person</b></p>	<p><b><u>Article 33</u> : Infractions et peines d'une personne morale</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRES VI : DISPOSITIONS FINALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 34:</u> Ingingo y'ururimi</b></p>	<p><b><u>Article 34:</u> Language provision</b></p>	<p><b><u>Article 34</u> : Disposition linguistique</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 35:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 35:</u> Entry into force</b></p>	<p><b><u>Article 35</u> : Entrée en vigueur</b></p>

<p><b>ITEGEKO N° 025/2024 RYO KU WA 16/02/2024 RIGENGA UBUSUGIRE BW'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA</b></p>	<p><b>LAW N° 025/2024 OF 16/02/2024 GOVERNING BIOSAFETY</b></p>	<p><b>LOI N° 025/2024 DU 16/02/2024 RÉGISSANT LA PRÉVENTION DES RISQUES BIOTECHNOLOGIQUES</b></p>
<p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p>	<p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p>	<p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République ;</p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT:</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT :</b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 04 Ukuboza 2023 ;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 04 December 2023;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 04 décembre 2023 ;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64;</p>
<p>Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo gufata neza urusobe rw'ibinyabuzima n'aho ruba, yashyiriweho umukono i Rio de Janeiro muri Brésil, ku wa 05 Kamena 1992 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 017/01 ryo ku wa 18/03/1995;</p>	<p>Pursuant to the Convention on Biological Diversity and its Habitat signed in Rio de Janeiro, Brazil, on 05 June 1992 as ratified by Presidential Order n° 017/01 of 18/03/1995;</p>	<p>Vu la Convention sur la Diversité biologique et son Habitat signée à Rio de Janeiro au Brésil, le 05 juin 1992 telle que ratifiée par l'Arrêté présidentiel n° 17/01 du 18/03/1995;</p>

<p>Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'inyongera ya <i>Cartagena</i> yerekeye umutekano w'urusobe rw'ibinyabuzima yashyiriweho umukono i Nairobi muri Kenya kuva tariki ya 15 kugeza ku ya 26 Gicurasi 2000 n'i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika kuva tariki ya 5 Kamena 2000 kugeza ku ya 04 Kamena 2001 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 54/01 ryo ku wa 31/12/2007;</p> <p><b>YEMEJE</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije</u></b></p> <p>Iri tegeko rishyiraho uburyo buhamye bwo gukumira ingaruka, ihererekanya n'ikoreshwa ry'ibinyabuzima byahinduwe hakoreshejwe tekini zigezweho zo guhindura ibinyabuzima byagira ku ibungabunga n'ikoreshwa rirambye ry'urusobe rw'ibinyabuzima kandi hitabwa ku ngaruka byagira ku buzima bw'umuntu.</p>	<p>Pursuant to the Cartagena Protocol on Biosafety to the Convention on Biological Diversity, signed in Nairobi, Kenya, from 15 to 26 May 2000 and in New York, United States of America, from 5 June 2000 to 04 June 2001 as ratified by Presidential Order n° 54/01 of 31/12/2007;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p> <p>This Law establishes an adequate level of protection in the field of the safe transfer and use of living modified organisms, resulting from modern biotechnology that may have an adverse effect on the conservation and sustainable use of biological diversity while taking into consideration the effect of this transfer and use on human health.</p>	<p>Vu le Protocole de Carthagène sur la prévention des risques biotechnologiques relatif à la Convention sur la Diversité biologique signé à Nairobi, Kenya, du 15 au 26 mai 2000 et à New York aux États-Unis d'Amérique, du 5 juin 2000 au 04 juin 2001 tel que ratifié par l'Arrêté présidentiel n° 54/01 du 31/12/2007;</p> <p><b>ADOPTE :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p> <p><b><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></b></p> <p>La présente loi établit un niveau adéquat de protection dans le domaine du transfert et de l'utilisation en toute sécurité des organismes vivants modifiés résultant de la biotechnologie moderne qui peut avoir un effet néfaste sur la conservation et l'utilisation durable de la diversité biologique tout en prenant en considération l'effet de ce transfert et utilisation sur la santé humaine.</p>
---	--	--



<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u>	<u>Article 2: Interpretation</u>	<u>Article 2 : Interprétation</u>
<p>Muri iri tegeko:</p> <p>(a) <b>“Urwego”</b> bivuga ikigo gifite imicungire y’ibidukikije mu nshingano;</p> <p>(b) <b>“urusobe rw’ibinyabuzima”</b> bivuga uruvange rw’ibinyabuzima by’ubwoko bwose, byo ku butaka, mu butaka, mu mazi, mu kirere hamwe n’ubugirirane hagati yabyo;</p> <p>(c) <b>“Urubuga rw’ihanahanamakuru ku busugire bw’urusobe rw’ibinyabuzima”</b> bivuga uburyo bwo guhanahana amakuru bwashyizweho n’Amasezerano Mpuzamahanga y’inyongera ya <i>Cartagena</i>;</p> <p>(d) <b>“igerageza rikorerwa ahabugenewe”</b> bivuga igerageza ku kinyabuzima cyahinduwe rikorewe ahantu hihariye hagenwe mu bidukikije mu buryo gitandukanywa n’ibindi bigatuma ingaruka gishobora kugira ku muntu cyangwa ku bidukikije ziba nke cyane;</p>	<p>In this Law:</p> <p>(a) <b>“Authority”</b> means the authority in charge of management of environment;</p> <p>(b) <b>“biological diversity”</b> means the variety of living organisms of all species on land, underground, in water as well as in the atmosphere and the interaction among them;</p> <p>(c) <b>“Biosafety Clearing House”</b> means information exchange mechanism established under the Cartagena Protocol;</p> <p>(d) <b>“confined field trials”</b> means an experimental release of a living modified organism into a specific place designated in the environment under physical and biological confinement conditions, that effectively limit its impact on a human being or environment;</p>	<p>Dans la présente loi:</p> <p>(a) <b>«Autorité»</b> signifie l’office ayant la gestion de l’environnement dans ses attributions ;</p> <p>(b) <b>« diversité biologique »</b> signifie la variété des organismes vivants de toute origine qu’ils soient terrestres ou souterrains, aquatiques et atmosphériques ainsi que l’interaction entre eux ;</p> <p>(c) <b>« Centre d’échange pour la prévention des risques biotechnologiques »</b> signifie le mécanisme d’échange d’informations mis en place par le Protocole de Carthagène ;</p> <p>(d) <b>« essais en milieu confiné»</b> signifie la libération expérimentale d’un organisme vivant modifié dans un espace spécifique désigné dans l’environnement dans les conditions de confinement physique et biologique, qui limitent efficacement son impact sur l’homme ou l’environnement ;</p>

<p>(e) <b>“ikoreshwa ry’ahabugenewe”</b> bivuga igikorwa gikorewe mu nyubako cyangwa ahandi hantu hihariye hagenwe, kigakorerwa ku binyabuzima byahinduwe bigengwa n’amabwiriza yihariye atuma bitagira aho bihurira n’ahandi hantu, akanarinda aho hantu ingaruka zabyo;</p> <p>(f) <b>“inyandiko”</b> bivuga inyandiko ikoze mu buryo busanzwe cyangwa ikoze mu buryo bw’ikoranabuhanga;</p> <p>(g) <b>“ibiribwa cyangwa ibiryo by’amatungo”</b> bivuga ikinyabuzima cyahinduwe cyangwa ikigikomokaho gikoreshwa nk’ikiribwa cyangwa ibiryo by’amatungo cyangwa nk’ikigomba gutunganywa, kikaba kigenewe mbere na mbere kuribwa n’abantu cyangwa inyamaswa cyangwa byombi icyarimwe;</p> <p>(h) <b>“kwinjiza mu bidukikije mu buryo bugambiriwe ikinyabuzima cyahinduwe”</b> bivuga ikoreshwa rigambiriwe, ritari irikorera ahabugenewe, ry’ikinyabuzima cyahinduwe kigengwa n’iri tegeko ariko ritabarirwamo ikinyabuzima cyahinduwe gitumizwa mu kindi</p>	<p>(e) <b>“contained use”</b> means an operation undertaken within a facility or other specific place designated, which involves living modified organisms that are controlled by specific measures that effectively limit their contact with and their impact on the external environment;</p> <p>(f) <b>“document”</b> means any written document in a hard copy format or in a digital format;</p> <p>(g) <b>“food or feed product”</b> means a living modified organism or its product that is used as food or feed, or for processing and is primarily intended for consumption by humans or animals or for the consumption of both humans and animals;</p> <p>(h) <b>“intentional introduction of a living modified organism into the environment”</b> means a deliberate use, that is not contained use, of a living modified organism subject to this Law and does not include a living modified organism imported for direct use for food or feed or for processing;</p>	<p>(e) <b>« utilisation confinée »</b> signifie une opération effectuée dans une installation ou un espace spécifique désigné, faisant intervenir les organismes vivants modifiés qui sont réglementés par des mesures spécifiques qui limitent effectivement leur contact et leur impact sur le milieu extérieur ;</p> <p>(f) <b>« document »</b> signifie tout document écrit sur support papier ou numérique ;</p> <p>(g) <b>« alimentation humaine ou animale »</b> signifie l’organisme vivant modifié ou son produit, utilisé comme denrée alimentaire ou aliment pour les animaux, ou pour la transformation et qui est principalement destiné à la consommation par les humains ou par les animaux ou les deux à la fois;</p> <p>(h) <b>« introduction intentionnelle d’un organisme vivant modifié dans l’environnement »</b> signifie une utilisation délibérée, qui n’est pas confinée, d’un organisme vivant modifié soumis à la présente loi et n’incluant pas un organisme vivant modifié importé pour une utilisation</p>
--	---	--

<p>gihugu kugira ngo gikoreshwe nk'ibiribwa cyangwa ibiryo by'amatungo cyangwa nk'ibigomba gutunganywa;</p> <p>(i) <b>“ikinyabuzima cyahinduwe”</b> bivuga ikinyabuzima gifite uruvange rw'uturemangingo ndangasano twagezweho hakoreshejwe tekini zigezweho zo guhindura ibinyabuzima;</p> <p>(j) <b>“ikinyabuzima”</b> hakubiyemo ubwoko bw'ibinyabuzima bufite ubushobozi bwo kohera cyangwa kubyara ikindi kinyabuzima bifitanye isano, harimo ibinyabuzima bitororoka, virusi na viroide;</p> <p>(k) <b>“Minisitiri”</b> bivuga Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano;</p> <p>(l) <b>“tekiniki zigezweho zo guhindura ibinyabuzima”</b> bivuga ikoresheya tekini –</p> <p>(i) zo gushyira ahabugenewe ingirabuzima, harimo uturemangingo ndangasano n'iterwa ry'ingirabuzima mu turemangingo fatizo cyangwa twihariye;</p>	<p>(i) <b>“living modified organism”</b> means a living organism that possesses a novel combination of genetic material obtained through the use of modern biotechnology;</p> <p>(j) <b>“living organism”</b> includes a biological entity capable of transferring or replicating genetic material, including sterile organisms, viruses and viroids;</p> <p>(k) <b>“Minister”</b> means the Minister in charge of environment;</p> <p>(l) <b>“modern biotechnology”</b> means the application of –</p> <p>(i) in vitro nucleic acid techniques, including recombinant deoxyribonucleic acid (DNA) and direct injection of nucleic acid into cells or organelles;</p>	<p>directe pour alimentation humaine ou animale ou pour la transformation ;</p> <p>(i) « <b>organisme vivant modifié</b> » signifie un organisme vivant qui possède une nouvelle combinaison de matériel génétique obtenue grâce à l'utilisation de la biotechnologie moderne ;</p> <p>(j) « <b>organisme vivant</b> » comprend une entité biologique capable de transférer ou de répliquer du matériel génétique, y compris les organismes stériles, les virus et les viroïdes;</p> <p>(k) « <b>Ministre</b> » signifie le Ministre ayant l'environnement dans ses attributions ;</p> <p>(l) « <b>biotechnologie moderne</b> » signifie l'application –</p> <p>(i) des techniques in vitro aux acides nucléiques, y compris la recombinaison de l'acide désoxyribonucléique (ADN) et l'introduction directe d'acides nucléiques dans des cellules ou des organites ;</p>
---	---	---

<p>(ii) zo guhuza uturemangingo fatizo tw'ibinyabuzima bitari mu muryango umwe;</p> <p>(iii) zirenga inzitizi karemano z'iyororoka n'ishererekanya ry'amakuru ndangasano kandi zikaba atari tekiniiki zikoreshwa mu bijyanye n'imyororokere n'itoranywa risanzwe.</p> <p>(m) <b>“umuntu”</b> akubiyemo umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi, koperative, umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mvamahanga utari uwa Leta cyangwa umuryango ushingiyeye ku myemerere, bifite ubuzima gatozi cyangwa urundi rwego rufite ubuzima gatozi;</p> <p>(n) <b>“gushyira ku isoko ikinyabuzima cyahinduwe”</b> bivuga gushyira ikinyabuzima cyahinduwe aho gishobora kuboneka haba ku buntu cyangwa kiguzwe;</p> <p>(o) <b>“igitabo”</b> bivuga ikusanyirizo ry'amakuru ku binyabuzima byahinduwe cyangwa ku bikorwa byemewe, bisonewe cyangwa</p>	<p>(ii) fusion of cells beyond the taxonomic family;</p> <p>(iii) techniques that overcome natural physiological reproductive or recombination barriers and that are not techniques used in traditional breeding and selection.</p> <p>(m) <b>“person”</b> includes a natural person, a company, a cooperative, a national or international non-governmental organisation, a faith-based organisation with legal personality or any other entity with legal personality;</p> <p>(n) <b>“placing a living modified organism on the market”</b> means making a living modified organism available free of charge or for payment;</p> <p>(o) <b>“register”</b> means the compilation of living modified organisms or activities that are authorised, exempted or subject to simplified procedures in accordance with this Law and regularly</p>	<p>(ii) de la fusion cellulaire d'organismes n'appartenant pas à une même famille taxonomique ;</p> <p>(iii) des techniques qui surmontent les barrières naturelles de la physiologie de la reproduction ou de la recombinaison et qui ne sont pas des techniques utilisées pour la reproduction et la sélection de type classique.</p> <p>(m) <b>«personne»</b> comprend une personne physique, une société commerciale, une coopérative, une organisation non-gouvernementale nationale ou internationale, une organisation fondée sur la foi dotée de la personnalité juridique ou toute autre organisation dotée de la personnalité juridique ;</p> <p>(n) <b>“mettre sur le marché un organisme vivant modifié”</b> signifie la mise à disposition d'un organisme vivant modifié à titre gratuit ou onéreux ;</p> <p>(o) <b>«registre »</b> signifie le répertoire d'organismes vivants modifiés ou d'activités autorisées, exemptées ou soumises à des procédures simplifiées conformément à la présente loi et</p>
---	--	---

<p>byoroherezwa n’iri tegeko kandi bigatangazwa n’Urwego mu buryo buhoraho hakurikijwe ibiteganywa n’iri tegeko;</p> <p>(p) “<b>ingaruka ku buzima bw’abantu</b>” bivuga inkurikizi ku bantu ziturutse ku kintu kibi cyabaye ku ibungabungwa n’ikoreshwa rirambye ry’urusobe rw’ibinyabuzima.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri tegeko</u></b></p> <p>Iri tegeko rireba iyambukiranyamipaka, inyuzwa mu gihugu n’ikoreshwa ry’ibinyabuzima byose byahinduwe hakoreshejwe tekini zigezweho zo guhindura ibinyabuzima bishobora kugira ingaruka ku ibungabungwa n’ikoreshwa rirambye ry’urusobe rw’ibinyabuzima no ku buzima bw’umuntu. icyakora, ibinyabuzima byahinduwe bifatwa nk’imiti ikoreshwa n’abantu ntibirebwa n’iri tegeko.</p> <p><b><u>UMUTWE WA II: IBIJYANYE N’INZEGO</u></b></p>	<p>published by the Authority pursuant to this Law;</p> <p>(p) “<b>risks to human health</b>” means the potential impact on human beings as a direct result of an adverse effect on the conservation and sustainable use of biological diversity.</p> <p><b><u>Article 3: Scope of application</u></b></p> <p>This Law applies to the transboundary movement, transit and use of all living modified organisms through modern biotechnology, that may have adverse effects on the conservation and sustainable use of biological diversity and risks to human health. However, living modified organisms that are pharmaceuticals for human use are not governed by this law.</p> <p><b><u>CHAPTER II: INSTITUTIONAL ARRANGEMENTS</u></b></p>	<p>régulièrement publiées par l’Autorité conformément à la présente loi ;</p> <p>(p) «<b>risques pour la santé humaine</b>» signifie l’impact potentiel sur les êtres humains en conséquence directe d’un effet néfaste sur la conservation et l’utilisation durable de la diversité biologique.</p> <p><b><u>Article 3 : Champ d’application</u></b></p> <p>La présente loi s’applique aux mouvements transfrontaliers, au transit et à l’utilisation de tous les organismes vivants modifiés à travers la biotechnologie moderne, qui pourraient avoir les effets néfastes sur la conservation et l’utilisation durable de la diversité biologique et les risques pour la santé humaine. Toutefois, les organismes vivants modifiés qui sont des produits pharmaceutiques destinés à l’utilisation par les humains ne sont pas régis par la présente loi.</p> <p><b><u>CHAPITRE II: DISPOSITIONS INSTITUTIONNELLES</u></b></p>
--	---	--

<b>Ingingo ya 4: Urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha</b>	<b>Article 4: Competent National Authority</b>	<b>Article 4: Autorité compétente nationale</b>
<p>(1) Urwego rugenwe nk'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha rushinzwe guhuza ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko. Urwego ni imboni y'Igihugu y'Amasezerano Mpuzamahanga y'inyongera ya <i>Cartagena</i>.</p>	<p>(1) The Authority is designated as the National Competent Authority to ensure coordination of enforcement of this Law. It serves as the national focal point for the Cartagena Protocol.</p>	<p>(1) L'Autorité est désignée comme l'autorité compétente nationale aux fins d'assurer la coordination de la mise en application de la présente loi. Elle sert de point focal national pour le Protocole de Carthagène.</p>
<p>(2) Urwego kandi ni rwo rushinzwe, rubinyujije ku rubuga rw'ihanahanamakuru ku busugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima, gutanga amakuru akurikira:</p>	<p>(2) The Authority is also responsible to share through the Biosafety Clearing House, the following information:</p>	<p>(2) L'Autorité est également responsable de partager à travers le centre d'échange pour la prévention des risques biotechnologiques, les informations suivantes :</p>
<p>(a) kopi y'amategeko yose ya ngombwa ku ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Mpuzamahanga y'inyongera ya <i>Cartagena</i> cyangwa ku micungire y'ibinyabuzima byahinduwe;</p>	<p>(a) a copy of all relevant legal instruments to the implementation of the Cartagena Protocol or the management of living modified organisms;</p>	<p>(a) une copie de tous les instruments légaux nécessaires à la mise en œuvre du Protocole de Carthagène ou à la gestion des organismes vivants modifiés;</p>
<p>(b) incamake z'isuzumangaruka zakozwe hakurikijwe iri tegeko;</p>	<p>(b) summaries of risk assessments generated in accordance with this Law;</p>	<p>(b) les résumés des évaluations des risques réalisées conformément à la présente loi ;</p>
<p>(c) ibyemezo ndakuka ku birebana no gutumiza mu mahanga cyangwa kwinjiza mu bidukikije mu buryo bugambiriwe ikinyabuzima</p>	<p>(c) final decisions regarding the importation or intentional introduction into the environment of a living modified organism including placing</p>	<p>(c) les décisions définitives concernant l'importation ou l'introduction intentionnelle dans l'environnement d'un organisme vivant modifié, y</p>

<p>cyahinduwe, harimo no kugishyira ku isoko, mu gihe kitarenze iminsi 15 nyuma y'ukwemererwa;</p> <p>(d) impinduka zakozwe ku cyemezo cyari gisanzweho n'impamvu hakoze izo mpinduka, mu gihe kitarenze iminsi 15 izo mpinduka zibaye;</p> <p>(e) raporo ku ishyingirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Mpuzamahanga y'inyongera ya <i>Cartagena</i> ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(f) andi makuru asabwa gutangwa hakurikijwe Amasezerano Mpuzamahanga y'inyongera ya <i>Cartagena</i> yerekeye ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima.</p>	<p>on the market, within 15 days after such approval;</p> <p>(d) changes to previous decision and the reasons for the change, within 15 days of such change;</p> <p>(e) reports on national implementation of the Cartagena Protocol;</p> <p>(f) such other information that is required to be submitted in accordance with the Cartagena Protocol on Biosafety.</p>	<p>compris la mise sur le marché, endéans 15 jours après l'approbation ;</p> <p>(d) les modifications de la décision antérieure et les motifs de la modification, endéans 15 jours après cette modification ;</p> <p>(e) les rapports sur la mise en œuvre au niveau national du Protocole de Carthagène ;</p> <p>(f) les autres informations qui doivent être transmises conformément au Protocole de Carthagène sur la prévention des risques biotechnologiques.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Umwanditsi w'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima</b></p> <p>(1) Hashyizweho umwanditsi w'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima.</p> <p>(2) Umwanditsi akuriye ubunyamabanga bw'Urwego ku nyandiko zose zerekeye ibinyabuzima byahinduwe.</p>	<p><b><u>Article 5:</u> Registrar of biosafety</b></p> <p>(1) It is established the Registrar of biosafety.</p> <p>(2) The Registrar heads the biosafety secretariat within the Authority for all documents relating to living modified organisms.</p>	<p><b><u>Article 5 :</u> Registraire de la prévention des risques biotechnologiques</b></p> <p>(1) Il est établi un registraire de la prévention des risques biotechnologiques.</p> <p>(2) Le registraire est responsable du secrétariat de prévention des risques biotechnologiques au sein de l'Autorité pour tous les documents relatifs aux</p>

<p>(3) Umwanditsi abika igitabo gikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>(a) ubusabe bwakiriwe;</p> <p>(b) raporo z'isuzumangaruka;</p> <p>(c) raporo z'igenzura ry'izusumangaruka;</p> <p>(d) gahunda n'ingamba by'imicungire y'ingaruka na gahunda yo gukurikirana ikinyabuzima cyahinduwe nyuma y'ikwirakwizwa ryacyo;</p> <p>(e) inyandiko z'icyemezo;</p> <p>(f) ukwemerwa k'ubusabe;</p> <p>(g) ikinyabuzima cyahinduwe n'ibikorwa bisonewe;</p> <p>(h) indi nyandiko yose cyangwa amakuru Urwego rushobora gusanga ari ngombwa.</p>	<p>(3) The Registrar keeps the register that contains the following:</p> <p>(a) applications received;</p> <p>(b) risk assessment reports;</p> <p>(c) risk assessment review reports;</p> <p>(d) risk management plans and strategy and post-release monitoring plan of a living modified organism;</p> <p>(e) decision documents;</p> <p>(f) approval of application;</p> <p>(g) living modified organism and activities that are exempted;</p> <p>(h) any other document or information the Authority may consider necessary.</p>	<p>organismes vivants modifiés.</p> <p>(3) Le registraire tient le registre qui contient ce qui suit :</p> <p>(a) les demandes reçues;</p> <p>(b) les rapports d'évaluations des risques;</p> <p>(c) les rapports d'examens des évaluations des risques;</p> <p>(d) les plans et la stratégie de gestion des risques et le plan de suivi post-libération d'un organisme vivant modifié;</p> <p>(e) les documents de décision;</p> <p>(f) l'approbation de la demande ;</p> <p>(g) l'organisme vivant modifié et les activités exemptées ;</p> <p>(h) tout autre document ou toute information que l'Autorité peut juger nécessaire.</p>
<p><b><u>Ingingo va 6: Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima</u></b></p> <p>(1) Hashyizweho Komite y'Igihugu</p>	<p><b><u>Article 6: National Biosafety Committee</u></b></p> <p>(1) The National Biosafety Committee is</p>	<p><b><u>Article 6: Comité national de prévention des risques biotechnologiques</u></b></p> <p>(1) Il est établi un comité national de</p>



<p>y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima igamije gufasha no gutanga inama zishingiye ku bunararibonye n'ubumenyi bwihariye mu isuzuma ry'ubusabe. Iyi Komite kandi igira inama Urwego.</p> <p>(2) Hashingiwe kuri raporo yatanzwe na Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima no ku miterere y'ubusabe, Urwego rushobora gusaba mu nyandiko usaba, gushyiraho komite y'urusobe rw'ibinyabuzima mu kigo bizakorerwamo, rukanagena ibyo isabwa gukora muri icyo nyandiko.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena abagize Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima, inshingano, imikorere na manda byayo.</p> <p><b>UMUTWE WA III: GUSABA URUHUSHYA, GUFATA IBYEMEZO N'ISUZUMANGARUKA</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Gusaba uruhushya n'ibikorwa bisabirwa uruhushya</b></p>	<p>established for the purpose of assisting and providing expertise in reviewing applications. The Committee also advises the Authority.</p> <p>(2) Based on a report submitted by the National Biosafety Committee, the Authority may request the applicant in writing, to set up an Institutional Biosafety Committee within the prospective institution while stating in the same notice, directions for the Institutional Biosafety Committee.</p> <p>(3) An Order of the Prime Minister determines the composition, responsibilities and functioning of the National Biosafety Committee as well as its term of office.</p> <p><b>CHAPTER III: APPLICATION FOR PERMIT, DECISION - MAKING AND RISK ASSESSEMENT</b></p> <p><b><u>Section One:</u> Application for permit and activities subject to permit application</b></p>	<p>prévention des risques biotechnologiques dans le but d'aider et de fournir une expertise dans l'examen des demandes. Le comité donne également conseils à l'autorité.</p> <p>(2) Sur base d'un rapport présenté par le comité national de prévention des risques biotechnologiques, l'autorité peut demander par écrit au requérant de mettre en place un comité institutionnel de prévention des risques biotechnologiques au sein de l'établissement potentiel, tout en fixant, dans le même avis, les directives à suivre par ce comité institutionnel de prévention des risques biotechnologiques.</p> <p>(3) Un Arrêté du Premier Ministre détermine la composition, les attributions et le fonctionnement du comité national de prévention des risques biotechnologiques ainsi que son mandat.</p> <p><b>CHAPITRE III : DEMANDE DE PERMIS, PRISE DE DÉCISION ET ÉVALUATION DES RISQUES</b></p> <p><b><u>Section première :</u> Demande de permis et activités soumises à la demande de permis</b></p>
---	--	--

<b><u>Ingingo ya 7: Ibikorwa bisabirwa uruhushya</u></b>	<b><u>Article 7: Activities subject to permit application</u></b>	<b><u>Article 7: Activités soumises à la demande de permis</u></b>
<p>(1) Ibikorwa bikurikira bisabirwa uruhushya:</p> <p>(a) ibikorwa bikorerwa ahabugenewe ku kinyabuzima cyahinduwe;</p> <p>(b) igerageza rikorerwa ahabugenewe -ku kinyabuzima cyahinduwe;</p> <p>(c) kwinjiza mu bidukikije mu buryo bugambiriwe ikinyabuzima cyahinduwe;</p> <p>(d) gushyira ku isoko ikinyabuzima cyahinduwe kigenewe guhita gikoreshwa nk'ibiribwa by'abantu, iby'amatungo cyangwa gutunganywa;</p> <p>(e) gutumiza mu mahanga, kunyuza mu gihugu cyangwa kohera mu mahanga ikinyabuzima cyahinduwe;</p> <p>(f) gufata ikinyabuzima cyahinduwe, kugipfunyika, kugishyiraho uturango, kugitwara cyangwa kugishyira mu bubiko.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena</p>	<p>(1) The following activities are subject to the permit application:</p> <p>(a) contained use of a living modified organism related activities;</p> <p>(b) confined field trials of a living modified organism;</p> <p>(c) intentional introduction of a living modified organism into the environment;</p> <p>(d) to place on the market a living modified organism for direct use as food, feed or for processing;</p> <p>(e) to import, transit or export a living modified organism;</p> <p>(f) to handle, package, label, transport or store a living modified organism.</p> <p>(2) An order of the Minister may</p>	<p>(1) Les activités suivantes sont soumises à la demande de permis :</p> <p>(a) les activités d'utilisation confinée de l'organisme vivant modifié ;</p> <p>(b) les essais en milieu confiné d'un organisme vivant modifié ;</p> <p>(c) l'introduction intentionnelle d'un organisme vivant modifié dans l'environnement ;</p> <p>(d) mettre sur le marché un organisme vivant modifié destiné à être utilisé directement pour l'alimentation humaine, animale ou à être transformé;</p> <p>(e) importer, transiter ou exporter un organisme vivant modifié ;</p> <p>(f) manipuler, emballer, étiqueter, transporter ou stocker un organisme vivant modifié.</p> <p>(2) Un arrêté ministériel peut déterminer</p>

<p>ibindi bikorwa bisabirwa uruhushya.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Gusaba uruhushya</u></b></p> <p>(1) Umuntu wifuza gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 7 y’iri tegeko agomba kubisabira uruhushya rutangwa n’Urwego.</p> <p>(2) Iteka rya Ministiri rigena uburyo bwo gusaba uruhushya, ibisabwa n’ibikurikizwa. Rigena kandi amakuru agomba kuba akubiye muri dosiye y’ubusabe kuri buri bwoko bw’igikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Ibanga ku makuru yerekeye ubusabe</u></b></p> <p>(1) Usaba uruhushya ku byerekeye ikinyabuzima cyahinduwe ashobora gusaba mu nyandiko ko amwe mu makuru akubiye mu busabe afatwa nk’ibanga iyo ayo makuru –</p> <p>(a) ari ibanga ry’ubucuruzi;</p> <p>(b) afite agaciro k’ubucuruzi;</p>	<p>determine other activities subject to permit application.</p> <p><b><u>Article 8: Application for permit</u></b></p> <p>(1) A person who wishes to carry out any of the activities referred to in Article 7 of this Law must apply for a permit issued by the Authority.</p> <p>(2) A Ministerial Order determines modalities for permit application, its requirements and procedures. It also determines information contained in the application file for each type of activity.</p> <p><b><u>Article 9: Confidentiality of information relating to application</u></b></p> <p>(1) The applicant for permit related to activities involving a living modified organism may request in writing that some information relating to the application be treated as confidential if that information –</p> <p>(a) is a trade secret;</p> <p>(b) has the trade value;</p>	<p>d’autres activités soumises à la demande de permis.</p> <p><b><u>Article 8: Demande de permis</u></b></p> <p>(1) Une personne qui désire exercer l’une des activités visées à l’article 7 de la présente loi doit demander un permis délivré par l’Autorité.</p> <p>(2) Un arrêté ministériel détermine les modalités de demande de permis, ses exigences et ses procédures. Il détermine également les informations devant figurer dans le dossier de demande pour chaque type d’activité.</p> <p><b><u>Article 9 : Confidentialité des informations relatives à la demande</u></b></p> <p>(1) Le requérant du permis en rapport avec les activités impliquant un organisme vivant modifié peut demander par écrit que certaines informations relatives à la demande soient traitées comme confidentielles lorsque ces informations –</p> <p>(a) constituent un secret commercial;</p> <p>(b) ont une valeur commerciale;</p>
---	---	---

*Official Gazette n° Special of 21/02/2024*

<p>(c) yerekeye ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa iby'imari byemewe n'amategeko by'umuntu kandi aramutse atangajwe yagira ingaruka kuri uwo muntu;</p>	<p>(c) concerns the lawful commercial or financial affairs of a person and if it was disclosed could affect that person;</p>	<p>(c) concernent les affaires commerciales ou financières licites d'une personne et si elles étaient divulguées, elles pourraient affecter cette personne;</p>
<p>(d) cyangwa afite akandi gaciro gashobora gutakara cyangwa kugabanuka mu gihe ayo makuru yaba atangajwe.</p>	<p>(d) or has another value that would be lost or diminished if the information was disclosed.</p>	<p>(d) ou possèdent une autre valeur qui serait perdue ou diminuée lorsque ces informations étaient divulguées.</p>
<p>(2) Urwego rusuzuma ubusabe bw'uko amakuru agomba gufatwa nk'ibanga rushingiye ku bisabwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. Iyo Urwego runyuzwe rumenyeshya mu nyandiko usaba ko ubusabe bwe bwemewe, mu gihe kitarenze iminsi 21 ibarwa uherye ku munsu bwakiriweho.</p>	<p>(2) The Authority reviews the application for confidentiality of information on the basis of conditions referred to in Paragraph (1) of this Article. If the Authority is satisfied, it informs the applicant in writing that his or her application is approved, within 21 days from its receipt.</p>	<p>(2) L'Autorité examine la demande de confidentialité des informations sur base des conditions visées au paragraphe (1) du présent article. Si l'Autorité est satisfaite, elle informe le requérant par écrit que sa demande est approuvée, endéans 21 jours à compter de sa réception.</p>
<p>(3) Urwego rushobora kutemera ko amakuru afatwa nk'ibanga iyo –</p>	<p>(3) The Authority may refuse to consider the information as confidential if –</p>	<p>(3) L'Autorité peut refuser de considérer les informations comme confidentielles lorsque –</p>
<p>(a) ubusabe butujuje ibisabwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo;</p>	<p>(a) the application does not fulfil the requirements referred to in Paragraph (1) of this Article;</p>	<p>(a) la demande ne remplit pas les conditions visées au paragraphe (1) du présent article ;</p>
<p>(b) cyangwa rusanze ko inyungu rusange zo kuyatangaza ziruta ingaruka ashobora kugira ku muntu.</p>	<p>(b) or it considers that the public interest in disclosure outweighs prejudice that the disclosure would cause to a person.</p>	<p>(b) ou elle estime que l'intérêt public de leur divulgation l'emporte sur le préjudice que la divulgation causerait à</p>

<p>(4) Iyo Urwego rutemeye ko amakuru afatwa nk'ibanga, rurabimumenyeshya, rukanamumenyeshya impamvu mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi 21 ibarwa uhereye ku munsu ubusabe bwakiriweho.</p>	<p>(4) When the Authority refuses to consider information as confidential, it informs him or her and provides him or her with reasons in writing within 21 days from the date the application was received.</p>	<p>une personne.</p> <p>(4) Lorsque l'Autorité refuse de considérer les informations comme confidentielles, elle en lui informe et lui fournit les motifs par écrit endéans 21 jours à compter du jour où la demande a été reçue.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10: Imikoreshereze y'amakuru y'ibanga</u></b></p> <p>(1) Urwego rukoresha gusa amakuru y'ibanga mu gusuzuma ubusabe.</p> <p>(2) Urwego rukora ku buryo ayo makuru arindwa n'umuntu wese ufite uruhare mu isuzuma ry'ubwo busabe.</p>	<p><b><u>Article 10: Use of confidential information</u></b></p> <p>(1) The Authority only uses confidential information for purpose of reviewing the application.</p> <p>(2) The Authority ensures that such information is protected by any person involved in treatment of that application.</p>	<p><b><u>Article 10: Utilisation des informations confidentielles</u></b></p> <p>(1) L'Autorité n'utilise les informations confidentielles qu'aux fins d'examen de la demande.</p> <p>(2) L'Autorité veille à ce que ces informations soient protégées par toute personne impliquée dans le traitement de la demande.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 11: Gukuraho ukwemererwa kw'ibanga ry'amakuru</u></b></p> <p>Urwego rubinyujije mu nyandiko ihabwa usaba, rukuraho ukwemererwa kw'ibanga ry'amakuru iyo –</p> <p>(a) bigaragaye ko amakuru yashingiweho uko kwemererwa atari ukuri;</p>	<p><b><u>Article 11: Cancellation of approval of the information confidentiality</u></b></p> <p>The Authority, by written notice given to the applicant, cancel an approval of information confidentiality if –</p> <p>(a) it is found that the approval was based on false information;</p>	<p><b><u>Article 11 : Annulation de l'approbation de la confidentialité des informations</u></b></p> <p>L'Autorité, par un avis écrit adressé au requérant, annule l'approbation de la confidentialité des informations lorsque –</p> <p>(a) il est avéré que l'approbation était basée sur les fausses informations;</p>

<p>(b) cyangwa habaye impinduka mu mpamvu zituma amakuru agirwa ibanga zivugwa mu ngingo ya 9 (1) y'iri tegeko.</p>	<p>(b) or if there is change in conditions for information to be treated as confidential, as referred to under Article 9 (1) of this Law.</p>	<p>(b) ou s'il y a changement des conditions qui qualifient les informations de confidentielles, telles que prévues à l'article 9 (1) de la présente loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Inyandiko igaragaza ko ubusabe bwakiriwe</b></p>	<p><b><u>Article 12:</u> Acknowledgement of receipt of application</b></p>	<p><b><u>Article 12</u> : Accusé de réception de la demande</b></p>
<p>(1) Urwego rutanga mu nyandiko inyandiko igaragaza ko ubusabe bwakiriwe, rumaze gusuzuma ko bwuzuye, mu gihe kitarenze iminsi 21 ibarwa uherye ku munsu rwabwakiriyeho.</p>	<p>(1) The Authority acknowledges in writing, the receipt of an application, following screening for its completeness, within 21 days from the date of its receipt.</p>	<p>(1) L'Autorité accuse par écrit la réception de la demande, après l'examen de son degré d'exhaustivité, endéans 21 jours à compter du jour de sa réception.</p>
<p>(2) Inyandiko igaragaza ko ubusabe bwakiriwe ikubiyemo ibi bikurikira:</p>	<p>(2) The acknowledgement of receipt of application states the following:</p>	<p>(2) L'accusé de réception de la demande indique ce qui suit :</p>
<p>(a) itariki ubusabe bwakiriweho;</p>	<p>(a) the date of receipt of the application;</p>	<p>(a) la date de réception de la demande;</p>
<p>(b) niba ubusabe buhita bugaragaramo amakuru mu buryo bugenwa n'Iteka rya Minisitiri;</p>	<p>(b) whether the application, prima facie, contains the information in the manner prescribed by the Ministerial Order;</p>	<p>(b) si la demande, à première vue, contient les informations de la manière prescrite par l'Arrêté ministériel;</p>
<p>(c) niba Urwego rugomba gutangiza gahunda yo kubufataho icyemezo.</p>	<p>(c) whether the Authority must proceed with the decision-making process thereon.</p>	<p>(c) si l'Autorité doit engager le processus de prise de décision à ce sujet.</p>
<p>(3) Iyo ubusabe butuzuye, Urwego rusaba usaba gutanga amakuru y'inyongera.</p>	<p>(3) Where an application is not complete, the Authority requests the applicant to submit additional information.</p>	<p>(3) Lorsque la demande n'est pas complète, l'Autorité demande au requérant de fournir les informations supplémentaires.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 13: Kureka ubusabe</u></b></p> <p>Usaba ashobora kureka ubusabe bwe igihe icyo ari cyo cyose mbere y’uko Urwego rufata icyemezo ndakuka.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Isuzuma n’imicungire by’ingaruka</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 14: Isuzuma ry’ingaruka zaturuka ku kinyabuzima cyahinduwe</u></b></p> <p>(1) Umuntu ushaka gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 7 y’iri tegeko, agomba kubanza kugaragaza isuzumangaruka ritegetswe ryakozwe ku ngaruka zishobora kuba ku bidukikije muri rusange cyangwa ku buzima bw’abantu by’umwihariko.</p> <p>(2) Raporo ku isuzumangaruka igomba kuba iri muri buri dosiye y’ubusabe.</p> <p>(3) Urwego rushyiraho imirongo ngenderwaho yubahirizwa mu gukora isuzumangaruka ry’ikinyabuzima cyahinduwe.</p>	<p><b><u>Article 13: Withdrawal of application</u></b></p> <p>The Applicant may withdraw his or her application at any time before the Authority issues the final decision.</p> <p><b><u>Section 2: Assessment and management of risks</u></b></p> <p><b><u>Article 14: Assessment of risks relating to a living modified organism</u></b></p> <p>(1) A person who wishes to carry out any of the activities referred to in Article 7 of this Law, must first disclose the result of a mandatory risk assessment carried out as of the potential risks to environment in general or to human health in particular.</p> <p>(2) A risk assessment report must be included in each application file.</p> <p>(3) The Authority establishes the guidelines to comply with in conducting the living modified organism risk assessment.</p>	<p><b><u>Article 13 : Retrait de la demande</u></b></p> <p>Le requérant peut retirer sa demande à tout moment avant que l’Autorité ne prenne la décision finale.</p> <p><b><u>Section 2 : Évaluation et gestion des risques</u></b></p> <p><b><u>Article 14 : Évaluation des risques liés à un organisme vivant modifié</u></b></p> <p>(1) Une personne qui désire exercer l’une des activités visées à l’article 7 de la présente loi, doit d’abord présenter le résultat d’une évaluation obligatoire effectuée des risques potentiels pour l’environnement en général ou pour la santé humaine en particulier.</p> <p>(2) Un rapport d’évaluation des risques doit être inclus dans chaque dossier de demande.</p> <p>(3) L’Autorité met en place les lignes directrices à respecter lors de l’évaluation des risques d’un organisme vivant modifié.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 15: Imicungire y’ingaruka zaturuka ku kinyabuzima cyahinduwe</u></b></p> <p>(1) Umuntu ukora igikorwa kijyanye n’ikinyabuzima cyahinduwe ashiraho kandi akabika gahunda n’ingamba by’imicungire y’ingaruka na gahunda yo gukurikirana ikinyabuzima cyahinduwe nyuma y’ikwirakwizwa ryacyo.</p> <p>(2) Urwego rushyiraho imirongo ngenderwaho yubahirizwa mu gukora gahunda y’imicungire y’ingaruka zaturuka ku kinyabuzima cyahinduwe.</p>	<p><b><u>Article 15: Management of risks relating to a living modified organism</u></b></p> <p>(1) A person who carries out an activity relating to a living modified organism develops and maintains a risk management plan and strategy and post-release monitoring plan of a living modified organism.</p> <p>(2) The Authority establishes the guidelines to comply with in conducting the living modified organism risk management plan.</p>	<p><b><u>Article 15 : Gestion des risques liés à un organisme vivant modifié</u></b></p> <p>(1) Une personne qui exerce une activité relative à un organisme vivant modifié élabore et maintient un plan et une stratégie de gestion des risques et un plan de suivi post libération d’un organisme vivant modifié.</p> <p>(2) L’Autorité met en place les lignes directrices à respecter dans la conduite du plan de gestion des risques liés à un organisme vivant modifié.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16: Isuzuma rya raporo ku isuzumangaruka ry’ikinyabuzima cyahinduwe</u></b></p> <p>(1) Komite y’Igihugu y’ubusugire bw’urusobe rw’ibinyabuzima isuzuma raporo ku isuzumangaruka ry’ikinyabuzima cyahinduwe.</p> <p>(2) Nyuma yo gusuzuma raporo ku isuzumangaruka, Komite y’Igihugu y’ubusugire bw’urusobe rw’ibinyabuzima ikora raporo y’imyanzuro yayo kandi ikagaragaza ingamba zigomba gufatwa kugira ngo</p>	<p><b><u>Article 16: Living modified organism risk assessment report review</u></b></p> <p>(1) The National Biosafety Committee carries out the risk assessment report review of a living modified organism.</p> <p>(2) Following report review of the risk assessment, the National Biosafety Committee makes a report on its findings and indicates measures to be taken to ensure the safe use of the living modified organism as recommendations to inform</p>	<p><b><u>Article 16 : Examen du rapport d’évaluation des risques d’un organisme vivant modifié</u></b></p> <p>(1) Le Comité national de prévention des risques biotechnologiques effectue l’examen du rapport d’évaluation des risques d’un organisme vivant modifié.</p> <p>(2) Après l’examen du rapport d’évaluation des risques, le Comité national de prévention des risques biotechnologiques fait un rapport sur ses conclusions et indique les mesures à prendre pour garantir l’utilisation</p>



<p>ikinyabuzima cyahinduwe gikoreshwe nta ngaruka nk'ibyifuzonama bigomba gufasha Urwego gufata icyemezo. Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima ishobora kandi gusaba ko hakorwa isuzumangaruka ry'inyongera.</p>	<p>the decision by the Authority. The National Biosafety Committee may as well recommend additional risk assessment.</p>	<p>sûre de l'organisme vivant modifié pour éclairer la décision de l'Autorité. Le Comité national de prévention des risques biotechnologiques peut également recommander une évaluation des risques supplémentaire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Gusonera ikinyabuzima cyahinduwe</p>	<p><b><u>Article 17:</u></b> Exemption of a living modified organism</p>	<p><b><u>Article 17 :</u></b> Exemption d'un organisme vivant modifié</p>
<p>Urwego rushobora gusonera ikinyabuzima cyahinduwe bimwe mu bisabwa byerekeye isuzuma n'icungwa ry'ingaruka mu gihe hari ubunararibonye cyangwa amakuru ahagije byemeza ko icyo kinyabuzima cyahinduwe cyangwa ikigikorwaho bidafite ingaruka zikomeye ku bidukikije muri rusange cyangwa ku buzima bw'abantu by'umwihariko.</p>	<p>The Authority may exempt a living modified organism from some requirements of risk assessment and management where there exists sufficient experience or information to conclude that the living modified organism or its activity does not pose a significant risk to environment in general or to human health in particular.</p>	<p>L'Autorité peut exempter un organisme vivant modifié de certaines obligations liées à l'évaluation et la gestion des risques lorsqu'il existe une expérience ou les informations suffisantes pour conclure que cet organisme vivant modifié ou son activité ne pose pas de risque significatif pour l'environnement en général et pour la santé humaine en particulier.</p>
<p><b><u>Iciviro cya 3:</u></b> Ifatwa ry'icyemezo</p>	<p><b><u>Section 3:</u></b> Decision - making</p>	<p><b><u>Section 3 :</u></b> Prise de décision</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Ifatwa ry'icyemezo ku busabe</p>	<p><b><u>Article 18:</u></b> Decision making on an application</p>	<p><b><u>Article 18 :</u></b> Prise de décisions sur une demande</p>
<p>Mu gufata icyemezo ku busabe mu byerekeye ikinyabuzima cyahinduwe, Urwego rwita kuri ibi bikurikira:</p>	<p>In making a decision on an application regarding a living modified organism, the Authority takes into account the following:</p>	<p>Lors de la prise d'une décision sur une demande relative à un organisme vivant modifié, l'Autorité tient compte de ce qui suit:</p>
<p>(a) amakuru yatanzwe n'usaba;</p>	<p>(a) information submitted by the applicant;</p>	<p>(a) les informations soumises par le</p>

<p>(b) raporo y'isuzumangaruka;</p> <p>(c) raporo y'isuzuma rya raporo y'isuzumangaruka yatanzwe na Komite y'Igihugu y'Ubusugire bw'Urusobe rw'Ibinyabuzima;</p> <p>(d) gahunda n'ingamba byo kwita ku ngaruka na gahunda yo gukurikirana ikinyabuzima cyahinduwe nyuma y'ikwirakwizwa ryacyo;</p> <p>(e) igitekerezo gifitanye isano n'ubusabe busuzumwa gitanzwe n'umuturage iyo gihari.</p>	<p>(b) the risk assessment report;</p> <p>(c) the risk assessment review report, submitted by the National Biosafety Committee;</p> <p>(d) risk management plan and strategy and post-release monitoring plan of a living modified organism;</p> <p>(e) a submission related to the application under consideration, submitted by a member of the public, if any.</p>	<p>requérant;</p> <p>(b) le rapport d'évaluation des risques;</p> <p>(c) le rapport d'examen du rapport d'évaluation des risques, présenté par le Comité national de prévention des risques biotechnologiques;</p> <p>(d) le plan et la stratégie de gestion des risques et le plan de suivi post libération d'un organisme vivant modifié ;</p> <p>(e) une proposition se rapportant à la demande en cours d'examen, formulée par un membre du public, le cas échéant.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19: Kumenyekanisha icyemezo</u></b></p> <p>(1) Urwego rumenyeshya mu nyandiko usaba icyemezo ndakuka ku kwemera cyangwa kwanga ubusabe mu gihe kitarenze iminsi 90 ibarwa uherye ku muni yamenyesherejwe ko ubusabe bwe bwujuje ibisabwa.</p> <p>(2) Uruhushya rugaragaza igikorwa cyemerewe kandi usaba agomba kubahiriza ibisabwa bikubiye mu ruhushya.</p>	<p><b><u>Article 19: Communication of decision</u></b></p> <p>(1) The Authority communicates in writing, its final decision of approval or rejection of the application to the applicant, within 90 days from the date on which the applicant is notified that his or her application is complete.</p> <p>(2) The permit specifies the activity authorised and the applicant must comply with the requirements contained in the permit.</p>	<p><b><u>Article 19 : Communication de la décision</u></b></p> <p>(1) L'Autorité communique au requérant sa décision définitive d'approbation ou de rejet endéans 90 jours à compter de la date à laquelle le requérant est informé que sa demande est complète.</p> <p>(2) Le permis spécifie l'activité autorisée et le requérant doit respecter les exigences contenues dans le permis.</p>

<p>(3) Iyo ubusabe butemewe, impamvu zatumye butemerwa zisobanurwa mu nyandiko.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 4: Gusubira ku cyemezo no gutakamba</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Gusubira ku cyemezo</u></b></p> <p>(1) Urwego rushobora gusubira ku cyemezo cyafashwe hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko igihe cyose rubonye amakuru mashya afatika yo mu rwego rwa gihanga arebana n'ikinyabuzima cyahinduwe cyangwa igikorwa kijyanye na cyo.</p> <p>(2) Iyo Urwego rusanze hari igikorwa kibangamiye ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima, ruhita rushyiraho ingamba za ngombwa zo kubungabunga ubwo busugire.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21: Kwambura uruhushya no guhagarika igikorwa cyatangiwe uruhushya</u></b></p> <p>(1) Iyo Urwego rusanze hari amakuba abangamiye ibungabunga</p>	<p>(3) Where an application is rejected, the reasons for rejection are stated in writing.</p> <p><b><u>Section 4: Review of a decision and appeal</u></b></p> <p><b><u>Article 20: Review of a decision</u></b></p> <p>(1) The Authority may review a decision made under the provisions of Article 18 of this Law at any time upon obtaining significant new scientific information relating to a living modified organism or its activity.</p> <p>(2) When the Authority establishes that an activity poses a threat to biological diversity, the Authority takes immediate action to put necessary safety measures in place.</p> <p><b><u>Article 21: Cessation orders</u></b></p> <p>(1) When the Authority finds that there is a danger posed to the conservation and</p>	<p>(3) Lorsqu'une demande est rejetée, les motifs de rejet sont indiqués par écrit.</p> <p><b><u>Section 4 : Révision d'une décision et recours</u></b></p> <p><b><u>Article 20 : Révision d'une décision</u></b></p> <p>(1) L'Autorité peut, à tout moment, réviser une décision prise en vertu des dispositions de l'article 18 de la présente loi lorsqu'elle obtient de nouvelles informations scientifiques importantes relatives à un organisme vivant modifié ou de son activité.</p> <p>(2) Lorsque l'Autorité réalise qu'une activité constitue une menace à la diversité biologique, elle prend les mesures immédiates pour mettre en place les mesures de prévention nécessaires.</p> <p><b><u>Article 21 : Ordres de cessation</u></b></p> <p>(1) Lorsque l'Autorité constate qu'il existe un danger pour la conservation et</p>
--	--	--

*Official Gazette n° Special of 21/02/2024*

<p>n'ikoresha rirambye ry'urusobe rw'ibinyabuzima, rushobora –</p> <p>(a) guhagarika by'agateganyo igikorwa cyatangiwe uruhushya hakurikijwe iri tegeko;</p> <p>(b) kwambura uruhushya no guhagarika burundu igikorwa cyatangiwe uruhushya;</p> <p>(c) cyangwa gushyiraho ingamba z'inyongera zo gucunga ingaruka zirebana n'igikorwa cyatangiwe uruhushya.</p> <p>(2) Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, Urwego rushobora gufata icyemezo cyo kwambura uruhushya no guhagarika burundu igikorwa cyatangiwe uruhushya iyo uwahawe uruhushya atubahirije –</p> <p>(a) ibikubiye mu ruhushya hakurikijwe iri tegeko;</p> <p>(b) amabwiriza yahawe n'Urwego nyuma yo gusubiramo icyemezo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;</p>	<p>sustainable use of biological diversity, it may –</p> <p>(a) suspend the authorised activity in accordance with this Law;</p> <p>(b) revoke the permit and permanently stop the authorised activity;</p> <p>(c) or impose additional risk management measures with respect to the authorised activity.</p> <p>(2) Subject to the provisions of Paragraph (1) of this Article, the Authority may decide to revoke the permit and permanently stop the authorised activity when the permit holder fails to comply with –</p> <p>(a) the terms of the permit in accordance with this Law;</p> <p>(b) instructions given to him or her by the Authority following a review of the decision in accordance with the provisions of this Law;</p>	<p>l'utilisation durable de la diversité biologique, l'Autorité peut –</p> <p>(a) suspendre l'activité autorisée conformément à la présente loi;</p> <p>(b) révoquer le permis et arrêter définitivement l'activité autorisée;</p> <p>(c) ou imposer les mesures de gestion des risques additionnelles en rapport avec l'activité autorisée.</p> <p>(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1) du présent article, l'Autorité peut décider de révoquer le permis et arrêter définitivement l'activité autorisée lorsque le titulaire d'un permis ne respecte pas –</p> <p>(a) les termes du permis conformément à la présente loi ;</p> <p>(b) les instructions qui lui sont données par l'Autorité à la suite d'une révision de la décision conformément aux dispositions de la présente loi ;</p>
--	--	--

<p>(c) cyangwa iri tegeko cyangwa amabwiriza yashyizweho hakurikijwe iri tegeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Gutakamba ku cyemezo cy'Urwego</u></b></p> <p>Umuntu ubangamiwe n'icyemezo cy'Urwego ashobora gutakambira Minisitiri mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku muni yakiriyeho icyo cyemezo.</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV: IKURIKIRANA, UBUFATANYE N'IHANAHANAMAKURU</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 23: Ikurikirana</u></b></p> <p>(1) Uwahawe uruhushya cyangwa Komite y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima mu kigo, iyo ihari, bakora ikurikirana ku buryo buhoraho. Iyo bamenye amakuru mashya agaragaza ko ibikorwa byatangiwe uruhushya bishobora kugira ingaruka ku ibungabunga n'ikoreshwa rirambye ry'urusobe rw'ibinyabuzima, bahita bamenyesha Urwego ayo makuru n'ingaruka zamenyekanye ndetse n'ingamba zafashwe zo gukomeza gukoresha mu mutekano ikinyabuzima cyahinduwe.</p>	<p>(c) or this Law or regulations issued in accordance with this Law.</p> <p><b><u>Article 22: Appeal against decision of the Authority</u></b></p> <p>A person aggrieved by the decision of the Authority may appeal to the Minister within 30 days from the date of receipt of the decision.</p> <p><b><u>CHAPTER IV: MONITORING, COOPERATION AND INFORMATION SHARING</u></b></p> <p><b><u>Article 23: Monitoring</u></b></p> <p>(1) A permit holder or an Institutional biosafety committee if there is any, ensures monitoring on a regular basis. Where they become aware of significant new information indicating that the permitted activities may have adverse effects on the conservation and sustainable use of biological diversity, they inform immediately the Authority of the new information and newly identified risks as well as measures put in place to ensure the continued safe use of a living modified organism.</p>	<p>(c) ou la présente loi ou les règlements édictés conformément à la présente loi.</p> <p><b><u>Article 22: Recours contre la décision de l'Autorité</u></b></p> <p>Une personne lésée par la décision de l'Autorité peut faire recours auprès du Ministre endéans 30 jours à compter de la date de réception de la décision.</p> <p><b><u>CHAPITRE IV : SUIVI, COLLABORATION ET PARTAGE DES INFORMATIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 23 : Suivi</u></b></p> <p>(1) Le titulaire d'un permis ou, le cas échéant, le comité institutionnel de la prévention des risques biotechnologiques assure un suivi régulier. S'ils prennent connaissance de nouvelles informations importantes indiquant que les activités autorisées peuvent avoir les effets néfastes sur la conservation et l'utilisation durable de la diversité biologique, ils informent immédiatement l'Autorité de ces nouvelles informations et les risques nouvellement identifiés ainsi que les mesures mises en place pour assurer</p>
--	---	--

<p>(2) Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima ikora ikurikirana ishingiyeye kuri raporo y'isuzumangaruka no ku bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(3) Urwego rushinzwe ikurikirana ryose, imicungire y'ingaruka n'ikurikirana ry'ikinyabuzima cyahinduwe nyuma y'ikwirakwizwa ryacyo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano y'ubufatanye mu gutanga amakuru ku iyinjizwa mu bidukikije ry'ikinyabuzima cyahinduwe</b></p> <p>(1) Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 23 y'iri tegeko, umuntu umenye amakuru mashya afatika yo mu rwego rwa gihanga agaragaza ko ibikorwa byemewe by'ikinyabuzima cyahinduwe bishobora kugira ingaruka ku bidukikije cyangwa bikaba bishobora kugira ingaruka zitigeze zimenyekana mbere, ahita amenyeshya Urwego ayo makuru mashya ndetse n'ingamba zafatwa zo gukomeza gukoresha mu mutekano ikinyabuzima cyahinduwe.</p>	<p>(2) the National Biosafety Committee conducts monitoring based on a risk assessment report and the provisions of the Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(3) The Authority is responsible for the overall monitoring, risk management and post-release monitoring of a living modified organism.</p> <p><b><u>Article 24:</u> Obligation to cooperate in providing information on introduction of a living modified organism into the environment</b></p> <p>(1) Subject to the provisions of Article 23 of this Law, a person who becomes aware of significant new scientific information indicating that the permitted activities related to a living modified organism may have adverse effects on environment or pose potential risks not previously known, informs immediately the Authority of the new information and the measures to put in place to ensure the continued safe use of a living modified organism.</p>	<p>l'utilisation continue en toute sécurité d'un organisme vivant modifié.</p> <p>(2) Le Comité national de prévention des risques biotechnologiques fait le suivi en se basant sur un rapport d'évaluation des risques et sur les dispositions du paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(3) L'Autorité est responsable du suivi global, de la gestion des risques et du suivi post-libération d'un organisme vivant modifié.</p> <p><b><u>Article 24 :</u> Obligation de collaborer pour fournir les informations sur l'introduction d'un organisme vivant modifié dans l'environnement</b></p> <p>(1) Sous réserve des dispositions de l'article 23 de la présente loi, une personne qui prend connaissance de nouvelles informations scientifiques importantes indiquant que les activités autorisées liées à un organisme vivant modifié peuvent avoir les effets néfastes sur l'environnement ou posent les risques potentiels non connus auparavant, informe immédiatement l'Autorité de ces nouvelles informations et des mesures à prendre pour assurer l'utilisation continue en</p>
--	--	---

<p>(2) Uwahawe uruhushya cyangwa undi muntu ufite amakuru ku iyinjizwa mu bidukikije mu buryo butagambiriwe ry'ikinyabuzima cyahinduwe kirebwa n'iri tegeko gishobora kugira ingaruka ku ibungabungwa n'ikorehwa rirambye ry'urusobe rw'ibinyabuzima, mu gihe kitarenze amasaha 24 uhereye ku muni iyinjizwa ryamenyekaniye, agomba kumenyesha Urwego igikorwa cyabaye.</p> <p>(3) Amakuru atangwa hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo aba arimo ibi bikurikira:</p> <p>(a) amakuru afatika afasha Urwego gusuzuma ingaruka zakomoka ku kinyabuzima cyahinduwe no kugabanya ingaruka zacyo haba ku bidukikije muri rusange cyangwa ku buzima bw'abantu by'umwihariko;</p> <p>(b) amakuru ya ngombwa ahari ku kigereranyo cy'ingano y'ikinyabuzima cyahinduwe, imiterere yacyo n'ibikiranga;</p>	<p>(2) A permit holder or any other person with knowledge of an unintentional introduction of a living modified organism into the environment subject to this Law that is likely to have adverse effects on the conservation and sustainable use of biological diversity, within 24 hours from the day on which the introduction is known, must inform the Authority of the occurrence.</p> <p>(3) Information provided in accordance with the provisions of Paragraph (2) of this Article includes the following:</p> <p>(a) adequate information to enable the Authority to assess the risks associated with the living modified organism and mitigate its effects on environment in general and human health in particular;</p> <p>(b) available relevant information on the estimated quantities, characteristics and traits of the living modified organism;</p>	<p>toute sécurité d'un organisme vivant modifié.</p> <p>(2) Un titulaire de permis ou toute autre personne ayant connaissance d'une introduction non intentionnelle d'un organisme vivant modifié dans l'environnement faisant l'objet de la présente loi qui est susceptible d'avoir des effets néfastes sur la conservation et l'utilisation durable de la diversité biologique, endéans 24 heures à compter du jour où l'introduction est connue, doit informer l'Autorité de l'événement.</p> <p>(3) Les informations à fournir, conformément au paragraphe (2) du présent article, comprennent ce qui suit:</p> <p>(a) les informations adéquates pour permettre à l'Autorité d'évaluer les risques associés à l'organisme vivant modifié et d'en atténuer les effets tant sur l'environnement en général que sur la santé humaine en particulier;</p> <p>(b) les informations pertinentes disponibles sur les quantités estimées, les caractéristiques et les traits de l'organisme vivant modifié;</p>
---	---	---

<p>(c) amakuru ku byabaye n'igihe gicishirije iryo yinjizwa ryabereye;</p> <p>(d) amakuru ahari ku ngaruka zishoboka ku ibungabungwa n'ikoreshwa rirambye ry'urusobe rw'ibinyabuzima n'amakuru ahari ku ngamba z'imicungire y'ingaruka zishobora kubaho, aho bishoboka;</p> <p>(e) andi makuru ya ngombwa;</p> <p>(f) umuntu wabazwa amakuru y'inyongera, igihe ahari.</p>	<p>(c) information on the circumstances and estimated date of the introduction;</p> <p>(d) available information about the possible adverse effect on the conservation and sustainable use of biological diversity, as well as available information about possible risk management measures, where applicable;</p> <p>(e) other relevant information;</p> <p>(f) a focal point for further information, if any.</p>	<p>(c) les informations sur les circonstances et la date estimée de l'introduction;</p> <p>(d) les informations disponibles sur l'effet néfaste possible sur la conservation et l'utilisation durable de la diversité biologique ainsi que les informations disponibles, le cas échéant, sur les mesures de gestion des risques possibles;</p> <p>(e) les autres informations pertinentes;</p> <p>(f) un point focal pour de plus amples informations, s'il y en a.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25: Kumenyesha iyambukiranyamupaka ritagambiriwe ry'ikinyabuzima cyahinduwe</u></b></p> <p>Iyo Urwego rumenye ko hari ikinyabuzima cyahinduwe cyambutse umupaka kikinjizwa mu buryo butagambiriwe mu kindi gihugu, rumenyesha Igihugu cyagizweho ingaruka cyangwa gishobora kugirwaho ingaruka, binyuze ku rubuga rw'ihanahanamakuru ku busugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima no ku miryango mpuzamahanga bireba, iyo bishoboka.</p>	<p><b><u>Article 25: Notification of unintentional transboundary movement of a living modified organism</u></b></p> <p>When the Authority becomes aware of an introduction via unintentional transboundary movement of a living modified organism in another country, it notifies the affected or potentially affected country, through Biosafety Clearing House, and, if possible, relevant international organisations.</p>	<p><b><u>Article 25 : Notification de mouvement transfrontalier non intentionnel d'un organisme vivant modifié</u></b></p> <p>Lorsque l'Autorité prend connaissance d'une introduction par un mouvement transfrontalier non intentionnel d'un organisme vivant modifié dans un autre pays, elle notifie le pays affecté ou potentiellement affecté, à travers le Centre d'Échange pour la Prévention des Risques Biotechnologiques et, si possible, les organisations internationales concernées.</p>



<p><b>UMUTWE WA V: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO</b></p> <p><b>Icyiciro cya mbere:</b> Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano</p> <p><b>Ingingo ya 26:</b> Gukora igerageza ku kinyabuzima cyahinduwe nta ruhushya</p> <p>(1) Umuntu ku giti cye ukora ibikorwa bikorerwa ahabugenewe ku kinyabuzima cyahinduwe cyangwa ukora igerageza rikorerwa ahabugenewe ku kinyabuzima cyahinduwe atabifitiye uruhushya rutangwa n'Urwego, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari munsi ya FRW 2.000.000 ariko itarenze FRW 5.000.000.</p> <p>(2) Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, Urwego rushobora gutegeka uwakoze ikosa guhagarika ibikorwa, gusubiranya cyangwa gusubiza ibintu uko byahoze cyangwa gukora ikindi gikorwa gifitanye isano n'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima, hagendewe ku ngano y'ibyangijwe.</p>	<p><b>CHAPTER V: ADMINISTRATIVE FAULTS, OFFENCES, SANCTIONS AND PENALTIES</b></p> <p><b>Section one:</b> Administrative faults and sanctions</p> <p><b>Article 26:</b> Trial of a living modified organism without permit</p> <p>(1) A physical person who undertakes a contained use of a living modified organism or a confined field trial of a living modified organism without a permit issued by the Authority, commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of not less than 2,000,000 FRW but not more than 5,000,000 FRW.</p> <p>(2) Without prejudice to the provisions of Paragraph (1) of this Article, the Authority may direct the wrongdoer to stop activities, to restore or reconstitute the situation or to perform such other action related to biosafety, depending on the extent of the damage.</p>	<p><b>CHAPITRE V: FAUTES ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS, SANCTIONS ET PEINES</b></p> <p><b>Section première :</b> Fautes administratives et sanctions</p> <p><b>Article 26 :</b> Essai d'un organisme vivant modifié sans permis</p> <p>(1) Une personne physique qui procède à une utilisation confinée d'un organisme vivant modifié ou à un essai en milieu confiné d'un organisme vivant modifié sans permis délivré par l'Autorité, commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative d'au moins 2.000.000 FRW mais n'excédant pas 5.000.000 FRW.</p> <p>(2) Sans préjudice des dispositions du paragraphe (1) du présent article, l'Autorité peut enjoindre l'auteur de la faute d'arrêter ses activités, de procéder à la restauration ou à la restitution de la situation ou d'effectuer toute autre action ayant trait à la prévention des risques biotechnologiques, en fonction de</p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 27:</u> Kutubahiriza ibikubiye mu ruhushya</b></p> <p>Umuntu ku giti cye utubahiriza ibisabwa bikubiye mu ruhushya yahawe hakurikijwe iri tegeko, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari muni ya FRW 1.000.000 ariko itarenze FRW 5.000.000. Ashobora kandi guhanishwa guhagarikirwa ibikorwa cyangwa gufungirwa ikigo kandi agategekwa gusubiranya ibyangijwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28:</u> Kubangamira igenzura</b></p> <p>Umuntu ku giti cye ubangamira igenzura, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari muni ya FRW 300.000 ariko itarenze FRW 500.000.</p> <p><b><u>Ingingo 29:</u> Amakosa n'ibihano ku rwego rufite ubuzima gatozi</b></p> <p>Iyo ikosa rivugwa mu ngingo ya 26, iya 27 n'ya 28 z'iri tegeko rikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi, koperative, umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mvamahanga utari uwa Leta cyangwa umuryango ushingiyeye ku myemerere bifite</p>	<p><b><u>Article 27:</u> Breach of terms of a permit</b></p> <p>A physical person who violates the terms of a permit issued under this Law, commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of not less than 1,000,000 FRW but not more than 5,000,000 FRW. He or she may also be sanctioned by suspension of activities or closure of a facility and be ordered to restore the damage.</p> <p><b><u>Article 28:</u> Obstructing inspection</b></p> <p>A physical person who obstructs an inspection, commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of not less than 300,000 FRW but not more than 500,000 FRW.</p> <p><b><u>Article 29:</u> Faults and sanctions for a legal person</b></p> <p>Where the fault referred to under Articles 26, 27 and 28 of this Law is committed by a company, a cooperative, a national or international non-governmental organisation, a faith-based organisation with legal personality or any other entity with legal personality, the</p>	<p>l'ampleur du dommage.</p> <p><b><u>Article 27 :</u> Violation des termes d'un permis</b></p> <p>Une personne physique qui viole les termes d'un permis délivré en vertu de la présente loi, commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative d'au moins 1.000.000 FRW mais n'excédant pas 5.000.000 FRW. Elle peut également avoir comme sanction la suspension d'activités ou la fermeture d'installation et sommé de réparer les dégâts.</p> <p><b><u>Article 28 :</u> Obstruction à une inspection</b></p> <p>Une personne physique qui fait obstruction à une inspection, commet une faute. Elle est passible d'une amende administrative d'au moins 300.000 FRW mais n'excédant pas 500.000 FRW.</p> <p><b><u>Article 29 :</u> Fautes et sanctions d'une personne morale</b></p> <p>Lorsque la faute visée aux articles 26, 27 et 28 de la présente loi est commise par une société commerciale, une coopérative, une organisation non-gouvernementale nationale ou internationale, une organisation fondée sur la foi dotée de la personnalité juridique ou</p>
---	---	---

<p>ubuzima gatozi cyangwa urundi rwego rufite ubuzima gatozi, bihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu iteganyijwe n'iri tegeko kuri iryo kosa yikubye inshuro icumi.</p>	<p>administrative fine provided for that fault under this Law is multiplied by ten times.</p>	<p>toute autre entité dotée de la personnalité juridique, l'amende administrative prévue par la présente loi pour cette faute est multipliée par dix.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano</u></b></p>	<p><b><u>Section 2: Offences and penalties</u></b></p>	<p><b><u>Section 2 : Infractions et peines</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 30: Kudashyira cyangwa gukoresha nabi uturango</u></b></p>	<p><b><u>Article 30: Failure to label or misuse of label</u></b></p>	<p><b><u>Article 30 : Omission d'étiqueter ou utilisation abusive de l'étiquette</u></b></p>
<p>Umuntu ku giti cye udashyira uturango ku kinyabuzima cyahinduwe, ugipfunyika cyangwa ukigaragaza mu buryo butari bwo, buyobya, bubeshya cyangwa bunyuranyije n'iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'Urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 n'ihazabu itari munsi ya FRW 3.000.000 ariko itarenze FRW 10.000.000.</p>	<p>A physical person who fails to label a living modified organism, who packages or identifies a living modified organism in a manner that is false, misleading, deceptive or in breach of this Law, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment not less than 1 year and not more than 3 years and a fine of not less than 3,000,000 FRW and not more than 10,000,000 FRW.</p>	<p>Une personne physique qui omet d'étiqueter un organisme vivant modifié, qui l'emballage ou l'identifie d'une manière fautive, trompeuse et mensongère ou en violation de la présente loi, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 3 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 31: Kohereza mu bidukikije, gushyira ku isoko cyangwa gutwara ikinyabuzima cyahinduwe utabifitiye uruhushya</u></b></p>	<p><b><u>Article 31: Release into the environment, placing on the market or transport of a living modified organism without permit</u></b></p>	<p><b><u>Article 31 : Libération dans l'environnement, mise sur le marché ou transport d'un organisme vivant modifié sans permis</u></b></p>
<p>Umuntu ku giti cye wohereza mu bidukikije, ushyira ku isoko, utwara, utumiza, unyuza mu gihugu cyangwa uwohereza mu mahanga ikinyabuzima cyahinduwe atabihereye uruhushya n'Urwego, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo</p>	<p>A physical person who releases into the environment, places on market, transports, imports, transits or exports a living modified organism without a prior permit from the Authority, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a term of</p>	<p>Toute personne physique qui libère dans l'environnement, qui met sur le marché, transporte, importe, transite ou exporte un organisme vivant modifié sans permis préalable de l'Autorité, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est</p>

<p>kitari muni y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 n'ihazabu itari muni ya FRW 3.000.000 ariko itarenze 10.000.000 cyangwa kimwe muri FRW ibyo bihano.</p>	<p>imprisonment not less than 1 year and not more than 3 years and a fine of not less than 3,000,000 FRW and not more than 10,000,000 FRW or one of these penalties.</p>	<p>passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 3 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW ou l'une de ces peines.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 32: Gukoresha ikinyabuzima cyahinduwe kigatera ingaruka</u></b></p>	<p><b><u>Article 32: Using a living modified organism in a way that causes harm</u></b></p>	<p><b><u>Article 32 : Utilisation d'un organisme vivant modifié d'une manière qui entraîne un préjudice</u></b></p>
<p>Umuntu ku giti cye ukoresheje ikinyabuzima cyahinduwe kigatera ingaruka ku bidukikije cyangwa ku buzima bw'umuntu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'Urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu itari muni ya FRW 3.000.000 ariko itarenze FRW 10.000.000 cyangwa kimwe muri ibi bihano.</p>	<p>A physical person who uses a living modified organism in a way that causes harm to environment or human health, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment not less than 3 years and not more than 5 years and a fine of not less than 3,000,000 FRW and not more than 10,000,000 FRW or one of these penalties.</p>	<p>Une personne physique qui utilise un organisme vivant modifié de manière à nuire à l'environnement ou à la santé humaine, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW ou l'une de ces peines.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 33: Ibyaha n'ibihano ku rwego rufite ubuzima gatozi</u></b></p>	<p><b><u>Article 33: Offences and penalties for a legal person</u></b></p>	<p><b><u>Article 33 : Infractions et peines d'une personne morale</u></b></p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, iyo icyaha kivugwa mu ngingo ya 30, iya 31 n'ya 32 z'iri tegeko, gikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi, koperative, umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mvamahanga utari uwa Leta cyangwa umuryango ushingiyeye ku myemerere, bifite ubuzima gatozi cyangwa urundi rwego rufite ubuzima gatozi,</p>	<p>Without prejudice to the provisions of other Laws, where the offence referred to under Articles 30, 31 and 32 of this Law is committed by a company, a cooperative, a national or international non-governmental organisation, a faith-based organisation with legal personality or any other entity with legal personality, the fine provided for that offence under this Law is multiplied by ten times.</p>	<p>Sans préjudice des dispositions des autres lois, lorsque l'infraction visée aux articles 30, 31 et 32 de la présente loi est commise par une société commerciale, une coopérative, une organisation non-gouvernementale nationale ou internationale, une organisation fondée sur la foi dotée de la personnalité juridique ou toute autre entité dotée de la personnalité juridique, l'amende prévue par la présente loi</p>

<p>bihanishwa ihazabu iteganyijwe n’iri tegeko kuri icyo cyaha yikubye inshuro icumi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 34: Ingingo y’ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 35: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 35: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>pour cette infraction est multipliée par dix.</p> <p><b><u>CHAPITRES VI : DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 34 : Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, considérée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 35 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	--

Kigali, 16/02/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux